

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°001/03 RYO KUWA 11/01/2012 RIGENA UBURYO INZEGO ZA LETA ZIKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKANAGENA UBURYO BWO KURENGERA UWAHOHOTWEWE

PRIME MINISTER'S ORDER N°001/03 OF 11/01/2012 DETERMINING MODALITIES IN WHICH GOVERNMENT INSTITUTIONS PREVENT AND RESPOND TO GENDER-BASED VIOLENCE

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°001/03 DU 11/01/2012 DETERMINANT LES MODALITES DE PREVENTION DE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE ET MECANISMES DE PROTECTION DE SA VICTIME PAR LES ORGANES DE L'ETAT

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2: Définitions**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'INZEGO ZITANDUKANYE ZA LETA MU GUKUMIRA NO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF DIFFERENT GOVERNMENT INSTITUTIONS IN PREVENTING AND FIGHTING GENDER BASED VIOLENCE**

**CHAPITRE II: RESPONSABILITES DE DIFFERENTS ORGANES DE L'ETAT DANS LA PREVENTION ET LA LUTTE CONTRE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**Ingingo ya 3: Inshingano rusange z'inzego za Leta mu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**Article 3: General responsibilities of Government Institutions in preventing and fighting gender based violence**

**Article 3: Responsabilités générales des organes de l'Etat dans la prévention et la lutte contre la violence basée sur le genre**

**Ingingo ya 4: Inshingano zihariye z'inzego za Leta mu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**Article 4: Special responsibilities of Government Institutions in preventing and fighting gender based violence**

**Article 4: Responsabilités spéciales des organes de l'Etat dans la prévention de la violence basée sur le genre**

**Ingingo ya 5: Ibirego ku cyaha cy'ihohoterwa gishingiye ku gitsina**

**Article 5: Complaints on the crime of gender based violence**

**Article 5: Plaintes sur la violence basée sur le genre**

<b><u>Ingingo 6:</u></b> Raporo ya Minisiteri y’Umutekano	<b><u>Article 6:</u></b> Report of the Minister of Internal security	<b><u>Article 6 :</u></b> Rapport du Ministre de la Sécurité Intérieure
<b><u>Ingingo ya 7:</u></b> “Gender desk”	<b><u>Article 7:</u></b> “Gender Desk”	<b><u>Ingingo ya 7 :</u></b> « Gender Desk »
<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Inyigisho zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina	<b><u>Article 8:</u></b> Education programmes aimed at fighting against gender-based violence	<b><u>Article 8:</u></b> Programme d’éducation pour la lutte contre la violence basée sur le genre
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Raporo zitangwa n’inzeho z’ibanze	<b><u>Article 9:</u></b> Reports submitted by local authorities	<b><u>Article 9:</u></b> Rapports soumis par les autorités locales
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Isuzumwa n’ikurikiranwa ry’uwahohotewe bishingiye ku gitsina	<b><u>Article 10:</u></b> Examining and following-up a victim of gender-based violence	<b><u>Article 10:</u></b> Examen et suivi de la victime de la violence basée sur le genre
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Raporo y’ubuvuzi	<b><u>Article 11:</u></b> Medical report	<b><u>Article 11:</u></b> Rapport médical
<b><u>Ingingo ya 12 :</u></b> Uburere, uburezi n’umuco	<b><u>Article 12:</u></b> Education and Culture	<b><u>Article 12:</u></b> Education et culture
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Inshingano z’urwego rwa Leta rufite itangazamakuru mu nshingano zarwo	<b><u>Article 13:</u></b> Responsibilities of Government Institution having information in its attributions	<b><u>Article 13:</u></b> Responsabilités de l’organe de l’Etat ayant l’information dans ses attributions
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Icyaha cy’ihohoterwa ku kazi rishingiye ku gitsina	<b><u>Article 14:</u></b> Gender based violence at workplace	<b><u>Article 14:</u></b> Violence basée sur le genre au lieu du travail
<b><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N’IZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Abashinzwe kubahiriza iri teka	<b><u>Article 15:</u></b> Authorities responsible for the implementation of this Order	<b><u>Article 15 :</u></b> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka	<b><u>Article 16:</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 16:</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<b><u>Article 17:</u></b> Commencement	<b><u>Article 17:</u></b> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°001/03 RYO KUWA 11/01/2012 RIGENA UBURYO INZEGO ZA LETA ZIKUMIRA IHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIKANAGENA UBURYO BWO KURENGERA UWAHOHOTWEWE**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Abisabwe na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 18/11/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena uburyo inzego za Leta zikumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina. Rigena kandi uburyo uwahohotewe yakirwa,

**PRIME MINISTER'S ORDER N°001/03 OF 11/01/2012 DETERMINING MODALITIES IN WHICH GOVERNMENT INSTITUTIONS PREVENT AND RESPOND TO GENDER-BASED VIOLENCE**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 119, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 59/2008 of 10/09/2008 on Prevention and Punishment of Gender-Based Violence especially in Article 10;

On proposal by the Minister of Gender and Family Promotion;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 18/11/2011;

**HEREBY ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the modalities in which government institutions prevent gender-based violence and for receiving, relieving, defending,

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°001/03 DU 11/01/2012 DETERMINANT LES MODALITES DE PREVENTION DE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE ET MECANISMES DE PROTECTION DE SA VICTIME PAR LES ORGANES DE L'ETAT**

**Le Premier Ministre ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 119, 121 et 201;

Vu la Loi n° 59/2008 du 10/09/2008 sur la prévention et la répression des violences basées sur le sexe, spécialement en son article 10;

Sur proposition du Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 18/11/2011;

**ARRETE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités de prévention de la violence basée sur le genre par les organes de l'Etat. Il détermine également les

ahumurizwa, arengerwa, avuzwa kandi yitabwaho mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bwe.

medicating and assisting the victim for the purpose of rehabilitating his/her health.

mécanismes d'accueil, de soulagement, de défense, de soins et d'assistance à la victime en vue de la réhabilitation de sa santé.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2: Définitions**

Muri iri teka, aya magambo afite ibisobanuro bikurikira:

In this Order, the following terms shall have the following meaning:

Aux fins du présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

“**Gender desk**”: agashami gashinzwe kureba uburinganire hagati y'abagore n'abagabo;

**Gender desk**: a unit in charge of gender equality;

« **Gender desk** »: unité s'occupant de l'égalité entre les femmes et les hommes ;

“**One stop center**”: ahantu hakirirwa umuntu wahohotewe bishingiye ku gitsina agahabwa ubufasha mu kumuhumuriza, kumupima, kumuvura vuba gutangiza dosiye igamije iperereza, no kumufasha kwegeranya ibimenyetso bigaragaza icyaha yakorewe.

**One stop center**: A place that receives victims of gender-based violence, offers them emergency medical care, psycho-social relief and legal assistance to start investigations, and helps gathering evidence of gender-based violence.

“**One stop center**”: lieu où est reçue une victime de la violence basée sur le genre en vue de lui offrir l'assistance médico-légale d'urgence, l'aide psycho-sociale, et qui aide à recueillir les preuves de la violence basée sur le genre.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'INZEGO ZITANDUKANYE ZA LETA MU GUKUMIRA NO KURWANYA IHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF DIFFERENT GOVERNMENT INSTITUTIONS IN PREVENTING AND FIGHTING GENDER BASED VIOLENCE**

**CHAPITRE II: RESPONSABILITES DE DIFFERENTS ORGANES DE L'ETAT DANS LA PREVENTION ET LA LUTTE CONTRE LA VIOLENCE BASEE SUR LE GENRE**

**Ingingo ya 3: Inshingano rusange z'inzego za Leta mu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

**Article 3: General Responsibilities of Government Institutions in preventing and fighting Gender Based Violence**

**Article 3: Responsabilités générales des organes de l'Etat dans la prévention et la lutte contre la violence basée sur le genre**

Inzego za Leta zose zigomba gushyiraho gahunda zihamye zigamije gukumira no kurwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina kimwe no gutabara no gufasha abahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa.

All Government institutions shall put in place programs aimed at preventing and fighting against gender-based violence as well as intervening and attending to its victims.

Toutes les institutions gouvernementales doivent mettre en place des programmes visant à prévenir et à lutter contre la violence basée sur le genre et assister ses victimes.

Inzego za Leta zose zigomba gukomeza kubaka ubushobozi bwa za Komite zo kurwanya ihohoterwa

Government institutions shall continue to reinforce the anti gender – based violence

Les institutions gouvernementales doivent continuer à renforcer les comités chargés de

rishingiye ku gitsina ku nzego zose kugira ngo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ricike burundu.

**Ingingo ya 4: Inshingano zihariye z'inzege za Leta mu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Inzege za Leta, by'umwihariko za Minisiteri, ibigo bya Leta, za Komisiyo z'igihugu, Inama Nkuru z'Igihugu, zifite aho zahurira n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, buri rwego ku birureba cyangwa zifatanyije igihe bibaye ngombwa, zigomba:

- 1° gukurikirana ko inzege zizishamikiyeho zubahiriza gahunda zo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- 2° gutabara byihuse no gufasha abahuye n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- 3° kugena uburyo inzege z'ibanze zikangurira abahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kwihutira kugana ivuriro kugira ngo bahabwe ubufasha bukwiye;
- 4° kugeza vuba gahunda ya "One Stop Center" mu mavuriro yose ya Leta n'afashwa na Leta kandi akongererwa ubushobozi;
- 5° Kwita by'umwihariko ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;

committees at all levels with the aim of eliminating gender- based violence.

**Article 4: Special responsibilities of Government Institutions in preventing and fighting gender based violence**

Government Institutions, in particular Ministries, Public institutions, National Commissions, National Counsels, that may have any connection with the issue of gender based violence, each organ concerned or combined when necessary shall:

- 1° ensure that the attached organs respect government plans of preventing and fighting gender based violence;
- 2° quickly intervene and assist the victims of gender based violence;
- 3° devise means for the local government authorities to sensitize the victims of gender based violence to immediately report to the nearest health facility in order to get required assistance;
- 4° quickly put in place a "One stop center" mechanism in all public and semi-public health facilities and build their capacity;
- 5° pay particular attention to the issue of gender based violence;

lutter contre la violence basée sur le genre à tous les niveaux dans le but de son éradication.

**Article 4: Responsabilités spéciales des organes de l'Etat dans la prévention de la violence basée sur le genre**

Les institutions gouvernementales, spécialement les Ministères, les établissements publics, les Commissions Nationales, les Conseils, ayant un rapport avec le problème de la violence basée sur le genre, chacun en ce qui le concerne ou en concertation en cas de besoin, doivent :

- 1° s'assurer que les organes liés à ces institutions respectent les programmes de prévention et de lutte contre la violence basée sur le genre ;
- 2° porter rapidement secours aux victimes de la violence basée sur le genre ;
- 3° déterminer les modalités de sensibilisation des victimes de la violence basée sur le genre pour qu'elles se rendent au plus vite à un établissement de santé le plus proche afin de recevoir les premiers soins nécessaires;
- 4° établir un "One Stop Center" au sein de tous les établissements de santé tant publics que semi-publics et renforcer ses capacités;
- 5° apporter une attention particulière à la question de la violence basée sur le genre ;

*Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012*

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 6° gushyiraho uburyo bwihariye bwo guteza imbere abatwariye b'amikoro make mu rwego rwo kubarinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina;                           | 6° put in place a special poverty reduction program for the destitute in order to prevent them from being the target of gender-based violence;     | 6° établir des programmes spéciaux de réduction de la pauvreté en faveur des plus démunis afin de les protéger contre la violence fondée sur le genre ;                                  |
| 7° gushyiraho uburyo bwo gukumira, kwirinda no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu bigo by'imirimo by'abikorera n'iby'imiryango idaharanira inyungu; | 7° put in place a mechanism of prevention, protection and fighting against gender based violence including private and civil society institutions; | 7° mettre en place des mécanismes de prévention et de lutte contre la violence basée sur le genre au sein des institutions de travail, qu'elles soient privées ou de la société civile ; |
| 8° gushyiraho uburyo buboneye bwo guhuza amakuru ku ihohoterwa;   | 8° put in place a mechanism of information sharing about gender based violence;  | 8° mettre en place un système de gestion des informations en rapport avec la violence basée sur le genre ;   |
| 9° kugenzura ibikorwa byose bigamije gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihugu no gutanga inama kugira ngo ricike;                      | 9° follow up all activities aimed at preventing and fighting against gender based violence in the whole country and to advise on its eradication;  | 9° surveiller et coordonner la collecte des données et fournir des conseils sur l'élimination de la violence basée sur le genre ;  |
| 10° kwibutsa buri wese kwirinda imvugo n'ibikorwa bigaragamo ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina hifashishijwe ibitangamakuru bya Leta;       | 10° remind everybody to avoid gender- based violence related words and actions with help of the national media;                                    | 10° rappeler à chaque personne à travers les médias de l'Etat d'éviter les propos faisant état de la violence basée sur le genre ;   |
| 11° gutangaza mu bitangamakuru abahamwe ku rwego rwa nyuma, n'icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;   | 11° announce publically in the final judgment the names of those found guilty of gender based violence;  | 11° publier les noms des personnes reconnues coupables de violence basée sur le genre en jugement final ;  |
| 12° gushishikariza itangamakuru ryigenga kugira uruhare mu kwamagana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;                                     | 12° sensitize private media to participate in denouncing gender based violence;  | 12° sensibiliser les médias privés afin qu'ils dénoncent la violence basée sur le genre;   |
| 13° kumenyekanisha amategeko ahana ihohoterwa rishingiye ku gitsina;  | 13° public awareness of laws punishing gender based violence;  | 13° vulgariser les lois réprimant la violence basée sur le genre ;   |
| 14° gukangurira abagore by'umwihariko gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurimenyekanisha ku gihe igihe ryakozwe ;                                  | 14° sensitize women particularly in preventing gender based violence and disseminate information whenever it occurs;                               | 14° sensibiliser en particulier les femmes sur la violence basée sur le genre et de donner rapidement les rapports quand la violence a eu lieu ;   |

*Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012*

- |  |   |   |
|--|---|---|
| 15° kwinjiza muri gahunda y'amasomo y'amashuri mu byiciro byose inyigisho zerekeye uburenganzira bwa muntu, uburinganire no kwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina.                           | 15° integrate at all levels in the education curricula a program related to human rights, gender and gender based violence;   | 15° intégrer les droits humains, le genre et la lutte contre la violence basée sur le genre dans les programmes éducatifs à tous les niveaux;   |
| 16° gutoza urubyiruko kwirinda imyidagaduro imyifatire n'ibindi bikorwa bishobora kuganisha ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina;   | 16° train the youth to avoid such recreational activities, behaviours and other indecent acts that may lead to gender based violence;                                   | 16° éduquer les jeunes afin qu'ils évitent les habitudes récréatives, les comportements et autres actes indécents qui peuvent conduire à la violence basée sur le genre;                                      |
| 17° kugenzura imiterere n'ingaruka z'imyidagaduro ishobora kubangamira imigenzo myiza cyangwa se ishobora kuba intandaro yo guhungabanya umutekano no gukurura ihohoterwa rishingiye ku gitsina. | 17° investigate the nature and the effects of recreational activities that may contradict with good practices or public security and may lead to gender based violence; | 17° examiner la nature et les conséquences des activités de loisir susceptibles de violer les bonnes moeurs et la sécurité publique ou conduire à la violence basée sur le genre;                             |
| 18° gushyiraho ingamba zikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishobora gukorerwa abana cyangwa abantu bafite ubumuga;  | 18° put in place measures to prevent gender based violence that may target children and persons with disabilities;  | 18° mettre en place des stratégies pour prévenir les violences basées sur le genre qui peuvent être commises à l'encontre des personnes handicapées;  |
| 19° gukangurira ababyeyi kwirinda kohereza abana mu mirimo cyangwa kubashora mu bikorwa bishobora kugusha abana mu ihohoterwa rishingiye ku gitsina;   | 19° sensitize parents to not allow their children to engage in labour or other acts that can lead to gender based violence;   | 19° sensibiliser les parents à ne pas laisser leurs enfants s'engager dans des travaux ou d'autres activités pouvant conduire à la violence basée sur le genre;   |
| 20° kurenganura abahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;  | 20° render justice to the victims of gender based violence;   | 20° rendre justice aux victimes de la violence basée sur le genre;  |
| 21° gushyiraho gahunda yo gukangurira abakoresha n'abakozi kwirinda ibikorwa bigamiye ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu nzego z'imirimo ya Leta;   | 21° put in place a sustainable program to sensitize employers and employees to avoid acts that can lead to gender based violence in the public institution;             | 21° mettre en place un programme durable pour sensibiliser tous les employeurs et tous les employés à éviter les actes qui peuvent conduire à la violence basée sur le genre dans les institutions publiques; |

22° kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inkiko n'iby'izindi nzego bigamije gukumira no kurwanya ihohoterwa.

22° speed up the execution of decisions from courts and other authorities in order to prevent and fight against gender based violence.

22° exécuter rapidement les décisions des tribunaux et d'autres autorités en vue de prévenir et lutter contre la violence basée sur le genre.

**Ingingo ya 5: Ibirego ku cyaha cy'ihohoterwa gishingiye ku gitsina**

Iyo ikirego cy'ihohoterwa gitanzwe ubugenzacyaha, ubushinjacyaha bwihutira gusaba urwego rubifitiye ubushobozi guha uwahohotewe ubufasha bw'ibanze akeneye mu buryo bwihuse.

**Article 5: Complaints on the crime of gender based violence**

When a case is lodged on gender based violence, the judicial police shall request the competent authority to expeditiously give the victim the support he/she needs.

**Article 5: Plaintes sur la violence basée sur le genre**

Après réception de la plainte d'une victime de la violence basée sur le genre, la police judiciaire demande à l'autorité compétente de donner rapidement à la victime le soutien dont elle a besoin.

Iperereza ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigomba kwihutishwa kandi ibirego bigashyikirizwa ubushinjacyaha mu gihe giteganywa n'amategeko.

Investigation on gender based violence cases shall be speeded up and cases be submitted to the investigation authority within the period provided for by the law.

L'enquête criminelle sur les cas de la violence basée sur le genre doit être accélérée et le cas doit être soumis à l'autorité de poursuite judiciaire dans le délai prévu par la loi.

Ubushinjacyaha bushyira ku mwanya wa mbere ibirego by'imanza byerekeranye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bukirinda ko ibimenyetso bisibangana.

The National Prosecution Authority must give priority to gender – based violence related cases, in order to preserve elements of evidence.

L'Organe National de Poursuite Judiciaire doit donner la priorité aux cas de violence basée sur le genre et préserver les preuves y relatives.

**Ingingo 6: Raporo ya Minisitiri y'Umutekano**

Minisitiri ifite umutekano mu nshingano zayo igomba kujya igeza rimwe mu gihembwe kuri Serivisi za Minisitiri w'Intebe raporo igaragaza uko ibirego n'ibibazo byerekeranye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina biteye mu gihugu.

**Article 6: Report of the Minister of Internal security**

The Ministry in charge of internal security shall submit to the Office of the Prime Minister a quarterly report on the situation of gender- based violence complaints in the country.

**Article 6 : Rapport du Ministre de la Sécurité Intérieure**

Le Ministère ayant la sécurité intérieure dans ses attributions doit soumettre aux Services du Premier Ministre un rapport trimestriel sur la situation des plaintes relatives à la violence basée sur le genre dans le pays.

**Ingingo ya 7: “Gender desk”**

“Gender desk”, by'umwihariko ku rwego rwa Polisi

**Article 7: “Gender Desk”**

The Rwanda National Police and the Rwanda

**Ingingo ya 7 : « Gender Desk »**

Un programme d'éducation « Gender desk » est



y'u Rwanda n'urw'Ingabo z'u Rwanda, yegerezwa abaturage kandi igahabwa ubushobozi bukenewe mu rwego rwo gukumira no kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

**Ingingo ya 8: Inyigisho zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Inzego zishinzwe umutekano by'umwihariko n'abaturarwanda muri rusange bagezwaho inyigisho zijyanye na gahunda ihoraho yo gukumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ishyirwaho na Minisitiri ifite uburinganire mu nshingano zayo ku bufutanye na za Minisitiri zireberera izo nzego.

**Ingingo ya 9: Raporo zitangwa n'inzego z'ibanze**

Inzego z'ibanze zitanga buri gihembwe raporo ku bikorwa bijyanye no gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku rwego ruzikuriye. Izo raporo zikusanyirizwa hamwe ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali zikoherezwa Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

**Ingingo ya 10: Isuzumwa n'ikurikiranwa ry'uwahotewe bishingiye ku gitsina**

Inzego z'ubuzima za Leta zakira vuba kandi neza abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina igihe bazigannye zikabakurikirana kandi zikabaha ubufasha bukwiye harimo kubarinda gutwita no

Defence Forces particularly shall decentralize and reinforce gender desks with the purpose of preventing and fighting gender- based violence.

**Article 8: Education programmes aimed at fighting against gender-based violence**

Security organs in particular and Rwandan citizens in general shall be regularly trained on the program aimed at preventing gender- based violence put in place by the Ministry in charge of gender in collaboration with the Ministries supervising those organs.

**Article 9: Reports submitted by local authorities**

Local government authorities shall submit a quarterly report on activities aimed at preventing and fighting against gender-based violence to their higher authorities. The reports are collected at Provincial level or at City of Kigali level and shall be submitted to the Ministry in charge of Local Government.

**Article 10: Examining and following-up a victim of gender-based violence**

Government institutions responsible for health shall pay particular attention to the issue of gender – based violence through following up expeditiously and carefully handling cases of

mis en place en particulier au niveau de la Police Nationale et des Forces de la Défense et doit être muni des moyens nécessaires en vue de lutter contre la violence basée sur le genre.

**Article 8: Programme d'éducation pour la lutte contre la violence basée sur le genre**

Les organes de sécurité en particulier, et la population rwandaise en général, reçoivent un programme d'éducation régulière contre la violence basée sur le genre mis en place par le Ministère ayant le genre dans ses attributions en collaboration avec les Ministères de tutelle de ces organes.

**Article 9: Rapports soumis par les autorités locales**

Les autorités locales doivent transmettre à l'autorité hiérarchique supérieure un rapport trimestriel sur les activités visant à prévenir et à lutter contre la violence basée sur le genre. Ces rapports sont collectés au niveau de la Province ou de la Ville de Kigali et sont transmis au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.

**Article 10: Examen et suivi de la victime de la violence basée sur le genre**

Les institutions publiques de santé doivent traiter rapidement et avec grand soin les cas de violence basée sur le genre. Ces institutions assurent un suivi approprié, y compris la prévention de

kwandura indwara zakomoka kuri iryo hohoterwa.

**Ingingo ya 11: Raporo y'ubuvuzi**

Urwego rwose rw'ubuvuzi rwakiriye uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, cyangwa ukekwa kuba yakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina rubasuzuma ku buntu, rugakora raporo rukurikije amabwiriza ya Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo. Iyo raporo ishyikirizwa urwego rw'ubutabera rubisabye mu nyandiko.

**Ingingo ya 12 : Uburere, uburezi n'umuco**

Ababyeyi, abarezi, imiryango, n'abaturarwanda, bakurikije uburyo bugenwa n'Inzego za Leta zifite uburere, uburezi, ubupfura no guteza imbere indangaciro z'umuco nyarwanda mu nshingano zazo, bagomba kurushaho kwita ku burere n'uburezi by'umwana kugira ngo akurane imico myiza izira ingeso zatuma akora ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

**Ingingo ya 13: Inshingano z'urwego rwa Leta rufite itangamakuru mu nshingano zarwo**

Inkuru zigamije gukumira, kwirinda no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zitangazwa mu bitangamakuru bikoresha amajwi, amashusho n'inyandiko kandi mu ndimi zose zemewe mu gihugu.

victims of gender- based violence including preventing pregnancies and disease contamination therefrom.

**Article 11: Medical report**

Any health facility that receives a victim or a suspected perpetrator of gender based-violence shall carry out a medical examination free of charge and make a report thereof according to the instructions of the Ministry of Health. The report shall be made available to judicial authorities upon written request.

**Article 12: Education and Culture**

Parents, teachers, families and the entire population, in accordance with modalities provided by the local authorities in charge of education, integrity and promotion of Rwandan culture values, shall put more emphasis on the education of the child so that he/she grows up with good morals not leading to gender based violence.

**Article 13: Responsibilities of Government Institution having information in its attributions**

Any information aiming at preventing, protecting and fighting against gender based violence shall be published through radio, television and newspapers in all the official languages.

grossesse non désirée et d'éventuelles maladies infectieuses.

**Article 11: Rapport médical**

Tout établissement de santé qui reçoit une victime ou un présumé auteur de violence basée sur le genre effectue un examen médical gratuit et fait un rapport y relatif selon les instructions du Ministère ayant la santé dans ses attributions. Ce rapport est mis à la disposition de l'organe judiciaire qui en fait une demande écrite.

**Article 12: Education et culture**

Sur base des modalités prévues par les organes de l'Etat responsables de l'éducation et des valeurs positives de la culture rwandaise, les parents, les enseignants, les familles et toute la population doivent s'atteler à l'éducation de l'enfant pour lui permettre de grandir avec les bonnes mœurs qui l'empêchent de commettre la violence basée sur le genre.

**Article 13: Responsabilités de l'organe de l'Etat ayant l'information dans ses attributions**

Toutes les informations visant à prévenir, protéger et lutter contre la violence basée sur le genre sont publiées dans toutes les langues officielles par voie de radio, de télévision et de presse écrite.

**Ingingo ya 14: Icyaha cy'ihohoterwa ku kazi rishingiye ku gitsina**

Umugenzuzi w'umurimo, kuri buri rwego, haba mu nzego z'ibanze cyangwa ku rwego rw'Igihugu, yihutira buri gihe gukemura ibibazo bigaragara hagati y'Abakozi n'Abakoresha kandi akabikorana ubushishozi buhagije asuzuma ko ibyo bibazo bidafitanye isano n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Umugenzuzi w'Umurimo umenye ko habayeho ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ahita abimenyesha ubugenzacyaha buri hafi ye kugira ngo ukekweho icyo cyaha akurikiranwe n'ubutabera.

**UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 15: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Ubuzima, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Article 14: Gender based violence at workplace**

The labour inspector, at every level, including local and central levels, shall expeditiously and carefully handle problems between employees and employers, to establish whether or not these problems are related to gender – based violence.

The labour inspector shall, after establishing that there is a gender-based violence case, immediately inform the nearest judicial authority for the suspect to be prosecuted.

**CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 15: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Gender and Family Promotion, the Minister of Local Governance, the Minister of Internal Security, the Minister of Defence, the Minister of Health, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Justice/Attorney General are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 16: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 14: Violence basée sur le genre au lieu du travail**

L'inspecteur du travail, à tous les niveaux, que ce soit au niveau local ou au niveau central, traite rapidement et soigneusement des problèmes entre employés et employeurs, afin d'établir si ces problèmes sont ou non liés à la violence basée sur le genre.

Quand l'inspecteur du travail constate qu'il y a eu des cas de violence basée sur le genre, il en informe immédiatement l'autorité judiciaire la plus proche pour que le suspect soit poursuivi en justice.

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 15 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille, le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre de la Sécurité Intérieure, le Ministre de la Défense, le Ministre de la Santé, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 16: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 17: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 14/12/2011

(sé)

**HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**INYUMBA Aloisea**  
Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 17: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 14/12/2011

(sé)

**HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

(sé)

**INYUMBA Aloisea**  
Minister of Gender and Family Promotion

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 17: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda

Kigali, le 14/12/2011

(sé)

**HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

(sé)

**INYUMBA Aloisea**  
Ministre du Genre et de la Promotion de la Famille

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux